

# **ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MURWANDA (PDVR).**

**ITEGEKO NGENGAMIKORERE  
RY'ISHYAKA RIHARANIRA  
DEMOKARASI NO  
KURENGERA IBIDUKIKIJE MU  
RWANDA ( PDVR/DGPR )**

**KAMENA 2013**

## **ITEGEKO NGENGAMIKORERE RY'ISHYAKA RIHARANIRA DEMOKARASI NO KURENGERA IBIDUKIKIJE MU RWANDA ( PDVR/DGPR )**

Abagize inama rusange yo gushyiraho Ishyaka Riharanira Demokarasi no Kurengera Ibidukikije mu Rwanda PDVR / DGPR

Bashingiye ku itegeko shingiro ry'Ishyaka ryemejwe n'inama rusange ya mbere yateranye kuwa kuwa 21 Kamena 2013; i Kigali.

Bemeje Itegeko Ngengamikorere rigizwe n'ingingo zikurikira:

### **UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

#### **Ingingo ya 1:**

Iri tegeko Ngengamikorere rigamije kuzuza itegeko shingiro mu byo ridasobanura neza. Umuyoboke wese w'ishyaka DGPR / PDVR agomba kuryubahiriza.

#### **Ingingo ya 2:**

Abayoboke b'Ishyaka DGPR / PDVR bose barangana imbere y'Itegeko Shingiro n'Itegeko Ngengamikorere nandi mategeko yose.

### **UMUTWE WA KABIRI: INZEGO Z'ABAYOBOKE**

#### **Ingingo ya 3:**

Ishyaka DGPR/PDVR rifite inzego z'abayoboke zirimo ibice bikurikira:

- a) Abayoboke barishinze;
- b) Abayoboke baryinjiyemo;
- c) Abayoboke b'icyubahiro

#### **Ingingo ya 4:**

Hashingiwe ku ngingo ya 7 y'itegeko shingiro, abayoboke A barishinze ni abayoboke bafashe iya mbere mu gushinga Ishyaka DGPR/PDVR nk'uko bigaragazwa n'urutonde rw'Inama Rusange y'Ikubitiro yo kuwa ...../...../2013 yemeje Ishyaka DGPR/PDVR.

Abayoboke baryinjiyemo ni abandi bayoboke baryinjiyemo nyuma yo kwemererwa na Biro Politiki y'Ishyaka binyuze mu nzira ziteganywa n'itegeko nshinga.

Abayoboke b'icyubahiro ni abayoboke batera nkunga ishyaka mu buryo ubwo ari bwo bwose.

Abayoboke bashinze Ishyaka n'abarizamo banganya uburenganzira. Abayoboke b'icyubahiro bashobora gukurikira inama z'ishyaka ariko ntibatora cyangwa ngo batorwe.

## **UMUTWE WA GATATU: INZEGO Z'ISHYAKA**

### **Ingingo ya 5:**

Mu mikoranire yazo, inzego z'Ishyaka ziruzuzanya. Urwego rukuriye urundi nirwo rushobora kuvanaho ibyemezo by'urwego rurubanziza.

Ariko kandi, mbere yo gukuraho cyangwa kuvuguruza ibyemezo by'urwego rwo hasi, urwego rwo hejuru rugomba kubanza kumva urwego rwo hasi.

### **Ingingo ya 6:**

Hashingiwe kubivugwa mu ngingo ya 28 z'itegeko shingiro; abagize Komite Nyobozi y'ikubitiro bagomba kuba baragize uruhare rugaragara mu gushinga Isyhaka bishingiye cyane ku:

- Nkunga y'ibitekerezo;
- Nkunga y'ibantu cyangwa se amafaranga.

## **UMUTWE WA KANE: IMYITWARIRE Y'ABAYOBOKE.**

### **Ingingo ya 7:**

Umuyoboke w'Ishyaka agomba:

- Kuba inyangamugayo;
- Gushaka ubumwe bw'Ishyaka n'ubumwe bw'abanyarwanda;
- Gushyira imbere inyungu z'ishyaka;
- Kwemera impaka zishingiye ku bitekerezo binyuranye;
- Kurangwa n'urukundo
- Kurangwa n'ubwunvikane;
- Kubaha abandi niyo baba badahuje ibitekerezo
- Kwemera ibyemezo n'amabwiriza byavuye mu nama z'Inzego z'Ishyaka

### **Ingingo ya 8:**

Umuyoboke w'Ishyaka DGPR/PDVR agomaba kwirinda:

- Ubusinzi
- Kwisuguzuza

- Ubuhemu
- Kurya ruswa no gucunga nabi ibyarubanda
- Kutarangwa n'igitugu;
- Ibindi byose bishobora kumutesha agaciro.

## **UMUTWE WA GATANU: IBYEREKEYE IBYAHYA N'IBIHANO.**

### **Ingingo ya 9:**

Ibihano bitangwa hashingiwe ku buremere bw'amakosa ni :

- Gusaba kugaruka mu nzira
- Kugawa;
- Kuvanwa ku mwanya w'ubuyobozi by'agateganyo;
- Guhagarikwa mu ishyaka by'agateganyo;
- Kwirukanwa burundi.

### **Ingingo ya 10:**

Abayobozi b'inzezo zitandukanye barebwa n'ibihano bivuzwe mu ngingo ya 8 bahanwa bashingiye ku byemezo by'urwego rwabatoye. Abandi bayoboke bahanwa n'inzezo babarizwamo.

### **Ingingo ya 11:**

Ibihano byo guhagarikwa by'agateganyo no kwirukanwa burundi bifatirwa uwakoze ikosa rikomeye.

### **Ingingo ya 12:**

Hashingiwe ku bivugwa mw'Itegeko Shingiro, Ishyaka rishyiraho utunama dushinzwe imyitwarire y'abayoboke no gukemura impaka n'amakimbirane.

Ibihano bihabwa abakoze ikosa bishingira kuma perereza n'imyanzuro byakozwe n'utunama dushinzwe gukemura impaka n'amakimbirane turi mu nzego ebyiri:

- Utwo mu rwego rw'Akarere;
- Utwo mu rwego rw'Igihugu;

### **Ingingo ya 13:**

Muri buri rwego, utunama dushinzwe gukemura impaka n'amakimbirane tugizwe n'abarwanashyaka batanu. Abo mu rwego rw'Akarere batorwa n'Inama y'Akarere. Abo mu rwego rw'Igihugu batorwa n'Inama Nkuru y'Igihugu.

### **Ingingo ya 14:**

Utunama dushinzwe gukemura impaka n'amakimbirane dushinzwe:

Gukemura ibibazo biri hagati y'abayoboke;

- Gukurikirana, gutanga imyanzuro ku byemezo byafatiwe umurwanashyaka mu rwego rw'ibihano.
- Kugenzura imyitwarire y'abayoboke;
- Gufasha uwakosheje kugaruka mu nzira;
- Kugira inama inzego zifata ibihano.

### **Ingingo ya 15:**

Kuri buri rwego, akanama gashinzwe kugenzura imyitwarire y'abayoboke no gukemura impaka n'amakimbirane mu Ishyaka kitoramo, Komite igizwe na Perezida, Visi- Perezida n'Umunyamabanga.

### **Ingingo ya 16:**

Perezida wa Komite ashinzwe :

- Guhuza ibikorwa byose;
- Kuba umuvugizi wa komite mu zindi nzego;
- Gutanga raporo mu nzego zishinzwe gufata ibyemezo.

### **Ingingo ya 17:**

Visi Perezida wa komite ashinzwe:

- Kunganira perezida wa komite mu mirimo ye yose;
- Gusimbura perezida igihe adahari

### **Ingingo ya 18:**

Umunyamabanga wa komite agomba:

- Kwita kunyandiko;
- Gukora inyandiko mvugo z'inama.
- Gutegura inyandiko z.inama

### **Ingingo ya 19:**

Utunama dushinzwe kugenzura imyitwarire y'abayoboke no gukemura  
Impaka n'amakimbirane duterana kandi tugafata ibyemezo iyo hari nibura ubwiganze  
bwa 2/3 by'abatugize.

### **Iningo ya 20:**

Mbere yo guhabwa igihano, uregwa icyaha agomba kwisobanura mu gihe cy'iminsi mirongo itatu ( 30 ) .

### **UMUTWE WA GATANDATU: UBUNYAMABANGA RUSANGE**

### **Iningo ya 21:**

Kugirango Ishyaka rirusheho gukurikirana gahunda z'imirimo ya buri munsi no kunoza imikorere cyane cyane ryegera abayoboke, hashyizweho ubunyamabanga rusange bwita ku micungire ya buri munsi y'ishyaka.

### **UMUTWE WA KARINDWI: ABAHAGARARIYE ISHYAKA MU NZEGO Z'UBUYOBOZI.**

### **Iningo ya 22:**

Ubunyamabanga rusange bwita ku mirimo y'ishyaka ya buri munsi

### **Iningo 23:**

Ishyaka rifite inshingano yo gushyiraho abayoboke baryo bifuza gupiganirwa imyanya yo mu Butegetsi Nshingamategeko.

### **Iningo ya 24:**

Umurwanashyaka ufile ubushake bwo kujya mu mwanya upiganirwa kandi agomba gushyigikirwa n'Ishyaka asabwa kuzuza ibi bikurikira:

- Kuba atanga umusanu buri gihe;
- Kuba afite ubushobozi bwogupiganira uwo mwanya.
- Kuba atari mu gihano giteganya n'amategeko
- Kuba yujuje ibyangombwa byose amategeko ateganya.

### **Iningo ya 25:**

Abahagarariye Ishyaka bagomba kwita ku cyariteza imbere kandi bakagendera iteka ku ndanga bitekerezo y'Ishyaka.

### **Iningo ya 26:**

Inama nkuru y'Ighugu ikurikirana imikorere y'Abahagarariye ishyaka mu nzego z'Ubutegetsi, ishingira kuri raporo buri wese agomba kuyigezaho buri kwezi.

### **Ingingo ya 27:**

Komite ishinzwe kugenzura imyitwarire y'abayoboke no gukemura impaka ikorera rapor Inama Nkuru y'Igihugu yerekeranye n'imyitwarire y'abahagarariye Ishyaka mu nzego z'ubutegetsi.

### **UMUTWE WA MUNANI: UMUTUNGO N'IMARI BY'ISHYAKA.**

### **Ingingo ya 28:**

Nkuko bivugwa mw'itegeko Shingiro ry'ishyaka DGPR/PDVR, imari y'ishyaka ikomoka:

- Ku misanzu y'abayoboke;
- Ku nkunga ya Leta;
- Ku bituruka ku mirimo y'ishyaka;
- Ku mpano n'imirage.
- Kubituruka ahandi hantu ahariho hose hemewe n'amategeko yu Rwanda.

### **Ingingo ya 29:**

Imicungire y'umutungo n'imari by'ishyaka biri mu nshingano z'umubitsi kuri buri rwego.

### **Ingingo ya 30:**

Umubitsi afite inshingano zo gushyikiriza Inama nkuru y'igihugu:

- Umushinga w'ingengo y'imari ya buri mwaka;
- Uko umutungo w'ishyaka uhagaze;
- Gahunda n'imishinga ishobora kubyazwa umusaruro.

### **Ingingo ya 31:**

Imari y'ishyaka ishingiye ahanini ku misanzu itangwa na buri muyoboke buri kwezi.

### **Ingingo ya 32:**

Abahagarariye Ishyaka mu nzego z'ubutegetsi batanga umusanzu wa 3% ku mushahara utari imbumbe wa buri kwezi.

Abagize biro politiki yo ku rwego rw'igihugu batanga 5000 frw ku kwezi naho abayoboke basanzwe bagatanga amafaranga ighumbi (1000 frw) ku mwaka.

### **Ingingo ya 33:**

Inama nkuru y'igihugu ishobora kugena umusanzu udasanzwe kugirango Ishyaka rikemure ibibazo byihariye.

### **Ingingo ya 34:**

Buri mwaka Inama Nkuru y'igihugu ishyiraho abagenzusi batatu bashinzwe kugenzura umutungo n'imari by'Ishyaka bayishyikiriza raporo mu kwezi kumwe guhera igihe baherewe izo nshingano.

## **UMUTWE WA CYENDA: INGINGO ZISOZA**

### **Ingingo ya 35:**

Mu bihe bisanzwe, Itegeko Ngengamikorere ritegurwa na Komite Nyobozi rikemezwa n'Inama Nkuru y'Igihugu ku bwiganze busesuye.

### **Ingingo ya 36:**

Iri tegeko rishobora guhindurwa bisabwe na 2/3 by'abagize inama nkuru y'Igihugu.

### **Ingingo ya 37:**

Ibidateganijwe n'Itegeko Ngengamikorere by'Ishyaka PDVR/DGPR hazubahirizwa amabwiriza ya Kongere y'igihugu nay'Inama Nkuru y'Igihugu.

### **Ingingo ya 38:**

Ir'itegeko ngengamikorere ritangira gushyirwa mu bikorwa rimaze kwemezwa n'Inama Rusange y'Ikubitiro y'Isyhaka PDVR/DGPR

**Bikorewe i Kigali, kuwa 21 Kamena 2013**

**Frank HABINEZA**

**Carine MAOMBI**

**Leonard GASHUGI**

Perezida w'Ishyaka PDVR/DGPR

Visi-Perezida wa mbere

Visi-Perizida wa kabiri